

**ITEKA RYA MINISITIRI N°03/CAB.M/019
RYO KU WA 15/04/2019 RISHYIRAHU
AMABWIRIZA AJYANYE
N'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJIYI
N'IMYUBAKIRE**

**MINISTERIAL ORDER N°03/CAB.M/019
OF 15/04/2019 DETERMINING URBAN
PLANNING AND BUILDING
REGULATIONS**

**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N°03/CAB.M/019
DU 15/04/2019 DÉTERMINANT LES
RÈGLEMENTS D'URBANISME ET DE
CONSTRUCTION**

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GÉNÉRALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions

Article 2: Définitions

**UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE
Y'IMIJIYI**

CHAPTER II: URBAN PLANNING

CHAPITRE II: URBANISME

**Ingingo ya 3: Amahame y'imitunganyirize
y'imijyi**

Article 3: Urban planning principles

**Article 3: Principes de la planification
urbaine**

**Ingingo ya 4: Amabwiriza agenga
imitunganyirize y'imijyi**

Article 4: Urban planning regulations

Article 4: Règlements d'urbanisme

**Ingingo ya 5: Ibikorwa remezo bishyirwa
ahantu hagenewe guturwa**

**Article 5: Infrastructures serviced in proposed
site for human settlement**

**Article 5: Infrastructures installées dans une
zone résidentielle**

**Ingingo ya 6: Igenamigambi ry'ishoramari
rusange n'uko rikorwa mu byiciro**

**Article 6: Public investment planning and its
phasing process**

**Article 6: Planification et échelonnement de
l'investissement public**

<u>Ingingo ya 7:</u> Kurengera ibidukikije	<u>Article 7:</u> Environment protection	<u>Article 7:</u> Protection de l'environnement
<u>Ingingo ya 8:</u> Gukoresha neza ubutaka mu iterambere ry'imijyi	<u>Article 8:</u> Efficient use of land in urban development planning	<u>Article 8:</u> Utilisation efficace des terres dans le développement urbain
<u>UMUTWE WA III:</u> AMAHAME AGENGA ISHYIRWAHO RY'IBIKORWA REMEZO MU MIJYI	<u>CHAPTER III:</u> PRINCIPLES GOVERNING PUTTING IN PLACE INFRASTRUCTURE IN URBAN AREAS	<u>CHAPITRE III:</u> PRINCIPES RÉGISSANT L'INSTALLATION DES INFRASTRUCTURES EN ZONES URBAINES
<u>Ingingo ya 9:</u> Ibya ngombwa bikenerwa mu mijyi	<u>Article 9:</u> Urban utility servicing	<u>Article 9:</u> Service d'utilités urbaines
<u>Ingingo ya 10:</u> Kubungabunga amazi	<u>Article 10:</u> Water protection	<u>Article 10:</u> Protection de l'eau
<u>Ingingo ya 11:</u> Imicungire y'amazi y'imvura no kurwanya isuri	<u>Article 11:</u> Storm water management and control of soil erosion	<u>Article 11:</u> Gestion des eaux pluviales et lutte contre l'érosion
<u>Ingingo ya 12:</u> Imicungire y'imyanda itemba	<u>Article 12:</u> Liquid waste management	<u>Article 12:</u> Gestion des déchets liquides
<u>Ingingo ya 13:</u> Imicungirey'imyanda irunze	<u>Article 13:</u> Solid waste management	<u>Article 13:</u> Gestion des déchets solides
<u>Ingingo ya 14:</u> Igenamigambi ry'uruja n'uruza n'ubwikorezi	<u>Article 14:</u> Traffic and transport planning	<u>Article 14:</u> Planification de la circulation et du transport
<u>UMUTWE WA IV:</u> AMAHAME Y'IMYUBAKIRE	<u>CHAPTER IV:</u> BUILDING PRINCIPLES	<u>CHAPITRE IV:</u> PRINCIPES DE CONSTRUCTION
<u>Ingingo ya 15:</u> Amabwiriza y' imyubakire	<u>Article 15:</u> Building code	<u>Article 15:</u> Code de construction
<u>Ingingo ya 16:</u> Ibisabwa by'ibanze mu myubakire	<u>Article 16:</u> Minimum construction requirements	<u>Article 16:</u> Exigences minimales de construction

Ingingo ya 17: Ibikoresho by'ubwubatsi

**UMUTWE WA V: AMAHAME
Y'IKURIKIRANA, IGENZURA
N'UBUGENZUZI BY'IBIKORWA
BY'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJIYI
N'IMYUBAKIRE**

**Iciviro cya mbere: Ikurikirana mu rwego
tekiniki**

**Ingingo ya 18: Ikurikirana ry'imirimo
y'ubwubatsi mu rwego rwa tekiniki**

**Ingingo ya 19: Serivisi zo gukurikirana
imirimo mu rwego rwa tekiniki hashingiwe
ku masezerano**

**Ingingo ya 20: Uburyozwe bw'ibiro
bikurikirana imirimo mu bikorwa
by'ubwubatsi**

**Ingingo ya 21: Ibishingirwaho mu gutanga
uruhushya ku biro bikurikirana imirimo mu
bikorwa y'ubwubatsi**

Iciviro cya 2: Igenzura

**Ingingo ya 22: Igenzura ry'imirimo
y'ubwubatsi**

Article 17: Building materials

**CHAPTER V: PRINCIPLES OF
SUPERVISION, INSPECTION AND AUDIT
OF URBAN PLANNING AND BUILDING
ACTIVITIES**

Section One: Technical supervision

**Article 18: Technical supervision of buiding
activities**

**Article 19: Contracted technical supervision
services**

**Article 20: Liability of supervising offices in
buiding activities**

**Article 21: Conditions for issuance of
authorisation to supervising offices in building
activities**

Section 2: Inspection

Article 22: Building activities inspection

Article 17: Matériaux de construction

**CHAPITRE V: PRINCIPES DE
SUPERVISION, INSPECTION ET AUDIT
DES ACTIVITÉS D'URBANISME ET DE
LA CONSTRUCTION**

Section première: Supervision technique

**Article 18: Supervision technique des
activités de construction**

**Article 19: Services de supervision technique
sur base d'un contrat**

**Article 20: Responsabilité des bureaux de
surveillance dans les activités de
construction**

**Article 21: Conditions d'octroi de
l'autorisation aux bureaux de surveillance
technique dans les activités de construction**

Section 2: Inspection

**Article 22: Inspection des activités de
construction**

<u>Ingingo ya 23:</u> Uko igenzura ry'imirimo y'ubwubatsi rikorwa	<u>Article 23:</u> Procedures for inspection of building activities	<u>Article 23:</u> Procédures d'inspection des activités de construction
<u>Ingingo ya 24:</u> Inshingano z'ufite uruhushya mu gihe cy'igenzura ry'imirimo y'ubwubatsi	<u>Article 24:</u> Obligations of a permittee during building activities inspection	<u>Article 24:</u> Obligations du titulaire d'un permis pendant l'inspection des activités de construction
<u>Ingingo ya 25:</u> Isuzuma ry'imiterere y'inyubako	<u>Article 25:</u> Structural assessment of a building	<u>Article 25:</u> Évaluation structurelle d'un bâtiment
<u>Ingingo ya 26:</u> Ikurikirana ry'abashinzwe igenzura n'igenzura	<u>Article 26:</u> Monitoring of building inspectors and inspection	<u>Article 26:</u> Surveillance des inspecteurs et inspection
<u>Iciviro cya 3:</u> Ubugenzuzi	<u>Section 3:</u> Auditing	<u>Section 3:</u> Audit
<u>Ingingo ya 27:</u> Ubugenzuzi bw'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire	<u>Article 27:</u> Auditing of urban planning and building	<u>Article 27:</u> Audit d'urbanisme et de construction
<u>Ingingo ya 28:</u> Uburyo bw'ubugenzuzi n'uko bukorwa	<u>Article 28:</u> Auditing modes and implementation	<u>Article 28:</u> Modes et mise en oeuvre d'audit
<u>Iciviro cya 4:</u> Iyubahirizwa ry'iby'ibanze ku myubakire itangiza ibidukikije	<u>Section 4:</u> Green building minimum compliance	<u>Section 4:</u> Conformité minimale à la construction écologique
<u>Ingingo ya 29:</u> Uburyo bw'iyubahirizwa ry'iby'ibanze ku myubakire itangiza ibidukikije	<u>Article 29:</u> Green building minimum compliance system	<u>Article 29:</u> Système de conformité minimale à la construction écologique
<u>Ingingo ya 30:</u> Amahame ngenderwaho mu kubaka inyubako zitangiza ibidukikije	<u>Article 30:</u> Principles of building green buildings	<u>Article 30:</u> Principe de construction des bâtiments écologiques

<u>Ingingo ya 31:</u> Iyubahirizwa ry'amahame ngenderwaho mu kubaka inyubako zitangiza ibidukikije mu byiciro byo kubaka	<u>Article 31:</u> Application of green building principles throughout building phases	<u>Article 31:</u> Application des principes de construction des bâtiments écologiques dans les phases de construction
<u>Ingingo ya 32:</u> Inzego za Leta zishinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'uburyo bw'iyubahirizwa ry'iby'ibanze ku myubakire itangiza ibidukikije	<u>Article 32:</u> Public organs in charge of implementation of green building minimum compliance system	<u>Article 32:</u> Organes publics en charge de la mise en oeuvre du système conformité minimale à la construction écologique
<u>Ingingo ya 33:</u> Inshingano z'urwego rw'Igihugu rufite imyubakire mu nshingano zarwo	<u>Article 33:</u> Responsibilities of the national organ in charge of housing	<u>Article 33:</u> Responsabilités de l'organe national ayant l'habitat dans ses attributions
<u>Ingingo ya 34:</u> Inshingano z'urwego rw'Igihugu rufite ibidukikije mu nshingano zarwo	<u>Article 34:</u> Responsibilities of the national organ in charge of environment	<u>Article 34:</u> Responsabilités de l'organe national ayant l'environnement dans ses attributions
<u>Ingingo ya 35:</u> Inshingano z'urwego rw'Igihugu rufite ubuziranenge mu nshingano zarwo	<u>Article 35:</u> Responsibilities of the national organ in charge of standards	<u>Article 35:</u> Responsabilité de l'organe national ayant la normalisation dans ses attributions
<u>Ingingo ya 36:</u> Inshingano z'Umujyi wa Kigali n'Uturere	<u>Article 36:</u> Responsibilities of the City of Kigali and Districts	<u>Article 36:</u> Responsabilités de la Ville de Kigali et des Districts
<u>UMUTWE WA VI:</u> AMAKOSA Y'IMYUBAKIRE N'IBIHANO BITANGWA N'UBUYOBOZI	<u>CHAPTER VI:</u> BUILDING FAULTS AND ADMINISTRATIVE SANCTIONS	<u>CHAPITRE VI:</u> FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES
<u>Ingingo ya 37:</u> Ibyiciro by'amakosa	<u>Article 37:</u> Categories of Faults	<u>Article 37:</u> Catégories de fautes
<u>Ingingo ya 38:</u> Igihano cyo gusenya inyubako	<u>Article 38:</u> Sanction for demolition of a building	<u>Article 38:</u> Sanction de la démolition d'un bâtiment

Ingingo ya 39: Kwishyura ikiguzi cy'ibyakoreshejwe mu gusenya

Article 39: Payment of demolition charges

Article 39: Paiement des frais de démolition

UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 40: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 40: Repealing provisions

Article 40: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 41: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Article 41: Commencement

Article 41: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N°03/CAB.M/019
RYO KU WA 15/04/2019 RISHYIRAHU
AMABWIRIZA AJYANYE
N'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJI
N'IMYUBAKIRE**

**MINISTERIAL ORDER N°03/CAB.M/019
OF 15/04/2019 DETERMINING URBAN
PLANNING AND BUILDING
REGULATIONS**

**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL
N°03/CAB.M/019 DU 15/04/2019
DÉTERMINANT LES RÈGLEMENTS
D'URBANISME ET DE CONSTRUCTION**

Minisitiri w'Ibikorwa Remezo,

The Minister of Infrastructure,

Le Ministre des Infrastructures,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003, révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 10/2012 ryo kuwa 02/05/2012 rigena Imitunganyirize y'Imijyi n'Imyubakire mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 4, iya 8, iya 21, iya 25, iya 27 n'iya 40;

Pursuant to Law n°10/2012 of 02/05/2012 governing urban planning and building in Rwanda, especially in Articles 4, 8, 21, 25, 27 and 40;

Vu la Loi n° 10/2012 du 02/05/2012 portant code de l'urbanisme et de la construction au Rwanda, spécialement en ses articles 4, 8, 21, 25, 27 et 40;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 04/Cab.M/015 ryo ku wa 18/05/2015 rishyiraho amabwiriza ajyanye n'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu;

Having reviewed Ministerial Order n° 04/Cab.M/015 of 18/05/2015 determining urban planning and building regulations as amended to date;

Revu l'Arrêté Ministériel n° 04/Cab.M/015 du 18/05/2015 déterminant les règlements d'urbanisme et de construction tel que modifié à ce jour;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 03/04/2019, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by Cabinet, in its session of 03/04/2019;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 03/04/2019;

ATEGETSE:

ORDERS:

ARRÊTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rishyiraho amabwiriza agenga imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire. Rigena kandi uburyo bw'ishyirwa mu bikorwa ry'imyubakire itangiza ibidukikije mu Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka, amagambo akurikira asobanuwe mu buryo bukurikira:

- 1° **Uburyo bw'iyubahirizwa ry'iby'ibanze ku myubakire itangiza ibidukikije:** uburyo butegetswe bugamije kugaragaza iyubahirizwa ry'ibisabwa mu gushyirwa mu bikorwa iby'ibanze biranga imyubakire itangiza ibidukikije mu mushinga bireba;
- 2° **Uburyo bwo kugena ibipimo ku myubakire itangiza ibidukikije:** Uburyo budategetswe bushyirwaho n'inzego zigena ibipimo by'imyubakire itangiza ibidukikije, bugamije kugaragaza inyubako itangiza ibidukikije yo ku rwego ruhanitse;
- 3° **inyubako itangiza ibidukikije:**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

This Order determines urban planning and building regulations. It also determines modalities for enforcement of green building in Rwanda.

Article 2: Definitions

In this Order, the following terms are defined as follows:

- 1° **green building minimum compliance system:** a mandatory system to demonstrate compliance by implementing minimum green building features in applicable project;
- 2° **green building rating system:** a voluntary system developed by green building rating agencies to recognise high-performance green buildings;
- 3° **green building:** a building built with

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les règlements d'urbanisme et de construction. Il détermine également les modalités d'application de la construction écologique au Rwanda.

Article 2: Définitions

Dans le présent arrêté, les termes repris ci-après sont définis comme suit:

- 1° **système de conformité minimale à la construction écologique:** un système obligatoire pour démontrer la conformité en mettant en œuvre les caractéristiques minimales de construction écologique dans le projet y afférent;
- 2° **système de notation de construction écologique:** un système volontaire mis au point par les agences de notation de construction écologique pour reconnaître les immeubles écologiques de haute performance;
- 3° **bâtiment écologique:** un bâtiment

inyubako yubatse hagamijwe gukoresha neza umutungo, mu gihe cyose igenewe kumara, kuva mu mushinga wayo, yubakwa, ikoresha, yitabwaho ndetse no mu inasenywa ryayo, ari na ko hagabanywa ingaruka mbi ku bidukikije no ku buzima bw'abantu;

4° **ufite uruhushya:** umuntu ku giti cye, urwego rwa Leta cyangwa urwigenga, wahawe uruhushya rwo gutangira kubaka, kwagura, gusubiramo, kuvugurura, , gukoresha no gusenya inyubako.

focus on increasing the efficiency of resource use through its life cycle from design, construction, operation, maintenance and demolition, while reducing negative impacts on the environment and human health;

4° **permittee:** an individual, private or public entity that is issued with authorisation for new development, extension, refurbishment, renovation, occupation or demolition of a building.

construit dans le but d'augmenter l'efficacité de l'utilisation des ressources tout au long de son cycle de durabilité, dès la conception, la construction, l'exploitation, la maintenance et la démolition, tout en réduisant les impacts négatifs sur l'environnement et la santé humaine;

4° **titulaire de permis:** un individu, entité privée ou publique autorisée à effectuer des travaux de développement, d'agrandissement, de réfection, de rénovation, d'occupation ou de démolition d'un bâtiment.

UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJI

Ingingo ya 3: Amahame y'imitunganyirize y'imijyi

Imitunganyirize y'imijyi ikorwa hashingiwe ku mahame akurikira:

- 1° gukoresha ubutaka n'undi mutungo kamere ku buryo bunoze kandi burambye;
- 2° gutuza abantu benshi ku butaka buto kandi mu buryo budahenze;

CHAPTER II: URBAN PLANNING

Article 3: Urban planning principles

Urban planning is based on the following principles:

- 1° utilisation of land and other natural resources in a sustainable and efficient manner;
- 2° optimum density in human settlement that is cost-effective;

CHAPITRE II: URBANISME

Article 3: Principes de la planification urbaine

La planification urbaine est basée sur les principes suivants:

- 1° l'utilisation des terres et d'autres ressources naturelles d'une manière efficace et durable;
- 2° la densité optimale dans l'habitation humaine et économique;

3° kurengera ibidukikije;	3° environmental protection;	3° la protection de l'environnement;
4° guhanga imirimo n'ibikorwa bibyara inyungu bigendanye n'ubwiyongere bw'abatuye mu muji;	4° job creation and economic activities in proportion to urban population growth;	4° la création d'emplois et activités économiques proportionnellement à la croissance de la population urbaine;
5° ubuzima rusange, isuku n'isukura ndetse n'umudendezo w'abaturage;	5° public health, hygiene and sanitation, and public safety;	5° la santé publique, hygiène et assainissement et sécurité publique;
6° imibanire y'abantu batandukanye no kwisanga;	6° social diversity and inclusion;	6° l'inclusion et la diversité sociale;
7° kugaburira abatuye mu muji bigendanye n'ubwiyongere bwabo;	7° food supply in proportion to urban population growth;	7° l'approvisionnement alimentaire proportionnel à la croissance de la population urbaine;
8° uburyo bw'imyubakire bushingiye ku hantu inyubako ziri;	8° location-based building typologies;	8° les typologies des bâtiments basées sur leurs localisations;
9° imigenderanire ihendutse no mu mudendezo n'uburyo bwo gutwara abantu bunoze;	9° safe and efficient mobility and effective public transportation;	9° la circulation sécurisée et efficace et le transport publics efficaces;
10° guhuza ibishushanyo by'imyubakire n'imiterere karemano y'ahantu;	10° integration of design plans with the natural environment;	10° l'intégration des plans de conception avec l'environnement naturel;
11° ahantu hahurira abantu benshi n'ubusitani bikoze neza;	11° quality public space and green space;	11° l'espace public et espace vert de qualité;
12° isano hagati y'ahantu hatunganyijwe n'ahahakikije ishingiyeye ku buryo	12° linkage between a planning area and its surrounding areas in terms of access,	12° la bonne liaison entre une zone d'aménagement et ses environs en

hagendwa, ubwikorezi, guteganya
ubwiyongere n'imikoshereze
y'ubutaka;

transport, growth prospects and land use;

termes d'accès, de transport, des
perspectives de croissance et
d'utilisations des terres;

13° imitunganyirize y'umujyi yita ku
miterere yawo, umurage ndangamuco
n'umurage ndangamateka;

13° planning that is sensitive to the urban
morphology, cultural and historical
heritage;

13° la planification sensible à la
morphologie urbaine et au patrimoine
culturel et historique;

14° ibikorwa remezo n'ibikorwa bishyigikira
ubukungu n'imibereho myiza birambye
bijyanye n'ibikenewe n'abatuye umujyi
mu gihe cya none n'ikizaza;

14° durable infrastructure and socio-
economic facilities that meet the present
and future needs of urban population;

14° les infrastructures et installations socio-
économique durable qui répondent aux
besoins actuels et futurs de la
population urbaine;

15° guteza imbere ibikorwa remezo mu mu
byiciro mu bice bitandukanye by'umujyi
hitawe ku mabwiriza n'ibipimo
ngenderwaho bikurikizwa.

15° phased infrastructure development in
urban areas with regard to rules and
norms in force.

15° le développement progressif des
infrastructures dans des zones urbaines
considérant les règles et les normes en
vigueur.

**Ingingo ya 4: Amabwiriza agenga
imitunganyirize y'imijyi**

Article 4: Urban planning regulations

Article 4: Règlements d'urbanisme

Amabwiriza agenga imitunganyirize y'imijyi ari
ku mugereka wa I w'iri teka agena ibi bikurikira:

Urban planning regulations in Annex I to this
Order provide for the following:

Le règlement d'urbanisme en annexe I au
présent arrêté prévoit ce qui suit:

1° ibishingirwaho kugira ngo ahantu hitwe
umujyi;

1° criteria of defining urban centers;

1° les critères de définition des centres
urbains;

2° ibikorwa remezo rusange by'ibanze;

2° basic public infrastructures;

2° les infrastructures publiques de base;

3° impamvu n'ibisabwa mu guteza imbere
ahantu;

3° objectives and requirements of site
development;

3° les objectifs et exigences de
développement du site;

4° impamvu n'ibisabwa mu kugabanyamo ibice ubutaka, gusubiramo no guhuza ibibanza;	4° objectives and requirements for land subdivision, plot restructuring and re-plotting;	4° les objectifs et prescriptions de lotissement, restructuration et remembrement des parcelles;
5° ibipimo ngenderwaho mu kubyaza umusaruro ikibanza hashingiwe ku mahame y'ibyiciro by'ubutaka bukoreshwa n'ibibukorerwaho;	5° plot development parameters based on zoning principles;	5° les paramètres de développement de parcelle basés sur les principes de zonage;
6° ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka mu mijyi;	6° categories of urban land use;	6° la catégorisation de l'usage des terres urbaines;
7° amahame akurikizwa mu gutegura igishushyanyo cy'umuhana;	7° neighborhood design principles;	7° les principes de conceptions du voisinage;
8° amahame agenga urujya n'uruza;	8° traffic circulation principles;	8° les principes de circulation routière;
9° ibisabwa ku butaka bugenewe imihanda yo mu mijyi no kunoza urujya n'uruza rw'abantu;	9° land requirements for urban roads and efficient mobility;	9° les conditions requises de terres pour les routes urbaines et mobilité efficace;
10° igenamigambi ry'ubwikorezi n'aho abagenzi bategerereza ibinyabiziga;	10° transport planning and transport terminals;	10° la planification du transport et les terminaux de transport;
11° igenamigambi ry'inzira z'abanyamaguru n' umutekano;	11° pedestrians circulation and safety planning;	11° la planification de la circulation piétonnière et de sécurité;
12° aho ibinyabiziga bihagarara;	12° parking area for automobiles;	12° l'aire de stationnement pour automobiles;
13° igenamigambi ry'ikwirakwizwa ry'amazi meza;	13° water supply planning;	13° la planification d'approvisionnement en eau;

14° igenamigambi ry'imicungire y'amazi y'imvura no kurwanya isuri;	14° storm-water management planning and erosion control;	14° la planification de la gestion des eaux pluviales et le contrôle d'érosion;
15° igenamigambi ry'uburyo bwo gutunganya imyanda ikomeye n'itemba;	15° planning of solid and liquid waste treatment;	15° la planification du traitement des déchets solides et liquides;
16° ibipimo fatizo bigenderwaho n'uburyo bwo kuvugurura imijyi;	16° standards and procedures for urban upgrading;	16° les standards et procédures pour le renouvellement urbain;
17° imirongo ngenderwaho mu gushyira mu bikorwa inyandiko z'imitunganyirize y'imijyi.	17° guidelines to implement urban planning documents.	17° les directives pour mettre en œuvre les documents d'urbanisme.

Ingingo ya 5: Ibikorwa remezo bishyirwa ahantu hagenewe guturwa

Ahantu hagenewe guturwa hashyirwa nibura ibikorwa remezo bikurikira:

- 1° ikigo cy' ubuvuzi;
- 2° amashuri;
- 3° ibigo mbonezamubano;
- 4° ibigo by'imyidagaduro;
- 5° ibikorwa remezo by'ibanze byo guteza imbere ubukungu.

Article 5: Infrastructures serviced in proposed site for human settlement

A proposed site for human settlement must be serviced with at least the following infrastructures:

- 1° health care facility;
- 2° schools;
- 3° social centers;
- 4° recreational centers;
- 5° basic facilities for economic growth.

Article 5: Infrastructures installées dans une zone résidentielle

Le site proposé comme zone résidentielle doit au moins être équipé des infrastructures suivantes:

- 1° un établissement de soins de santé;
- 2° des écoles;
- 3° des centres sociaux;
- 4° des centres de loisirs;
- 5° installations de base pour le développement économique.

Ingingo ya 6: Igenamigambi ry'ishoramari rusange n'uko rikorwa mu byiciro

Igenamigambi ry'ishoramari rusange rishingiye ku gishushanyo rusange cy'itunganywa ry'ahantu ishyirwaho kugira ngo rigenderweho mu ishoramari rusange ryose mu bikorwa by'iterambere ry'imijyi.

Gahunda y' ishoramari rusange ikorwa buri myaka itatu (3) igaherekezwa na gahunda y'ibikorwa ya buri mwaka bigomba gushyirwa mu bikorwa mu byiciro hagamijwe iterambere ry' umujyi .

Ingingo ya 7: Kurengera ibidukikije

Mu rwego rwo kurinda ibidukikije amabwiriza agenga imitunganyirize y'imijyi ateganya ibikorwa bitemewe gukorerwa ahantu hakurikira:

- 1° ahantu hateye ibiti n'ahantu haherereye;
- 2° amasoko y'amazi, ibizenga by'amazi n'ahantu hose akomoka;
- 3° ahahanamyeye, amanegeka no ku dusongero tw'imisozi;
- 4° amashyamba cyimeza n'amaterano;

Article 6: Public investment planning and its phasing process

Public investment planning based on local land development master plans is established to guide all public investments in urban development activities.

The public investment plan is designed for a period of three years (3) and is accompanied by annual action plan to be implemented in phases for urban development.

Article 7: Environment protection

For environment protection purposes, Urban Planning regulations provide for activities prohibited in the following areas:

- 1° plain wood areas and wetlands;
- 2° water sources, water bodies and their catchment areas;
- 3° steep slopes, ridgelines and hilltops;
- 4° natural and planted forests;

Article 6: Planification et échelonnement de l'investissement public

La planification de l'investissement public basé sur les plans d'aménagement locaux est établie pour guider tous les investissements publics dans des activités de développement urbain.

Un plan d'investissement public est établi pour un période de trois ans (3) et est accompagné d' un plan d'action annuel devant être mis en œuvre en phases en vue du développement urbain.

Article 7: Protection de l'environnement

Afin d'assurer la protection de l'environnement, le code d'urbanisme détermine clairement les activités prohibées dans les zones suivantes:

- 1° les zones boisées et les zones humides;
- 2° les sources d'eau, plans d'eau et leurs zones de captage;
- 3° les pentes raides, crêtes et sommets des collines;
- 4° les forêts naturelles et les forêts de reboisement;

5° ahakwibasirwa n'imitingito n'ibiza byaterwa n'ibirunga.	5° areas subject to earthquakes and volcano related hazards.	5° les zones de risque sismique et volcanique.
<u>Ingingo va 8:</u> Gukoresha neza ubutaka mu iterambere ry'imijyi	<u>Article 8:</u> Efficient use of land in urban development planning	<u>Article 8:</u> Utilisation efficace des terres dans le développement urbain
Igenamigambi ryo kubyaza umusaruro ubutaka bwo mu mijyi rigengwa n'amahame yo gukoresha neza ubutaka n'amabwiriza yihariye agenga ibyiciro by'uko ubutaka bukoreshwa n'ibibukorerwaho.	Urban land development plan is governed by the principles of efficient use of land and specific regulations governing urban land through specific zoning regulations.	Le plan d'aménagement du territoire urbain doit être guidé par le principe de l'utilisation efficace des terres et la réglementation spécifique des terres urbaines par des règles spécifique de zonage.
Amabwiriza agenga imitunganyirize y'imijyi ashiraho uburyo ikibanza cyagenewe kubakwa cyubakwamo n'ijanisha ry'ubutaka bw'icyo kibanza bwubakwaho.	Urban Planning regulations determine modalities of exploitation of a plot of land for construction and the percentage of land coverage.	Le Code de l'Urbanisme détermine les modalités d'exploitation d'un terrain destiné à la construction et le pourcentage de couverture de la parcelle.
<u>UMUTWE WA III:</u> AMAHAME AGENGA ISHYIRWAHO RY'IBIKORWA REMEZO MU MIJYI	<u>CHAPTER III:</u> PRINCIPLES GOVERNING PUTTING IN PLACE INFRASTRUCTURE IN URBAN AREAS	<u>CHAPITRE III:</u> PRINCIPES RÉGISSANT L'INSTALLATION DES INFRASTRUCTURES EN ZONES URBAINES
<u>Ingingo va 9:</u> Ibya ngombwa bikenerwa mu mijyi	<u>Article 9:</u> Urban utility servicing	<u>Article 9:</u> Service d'utilités urbaines
Ahantu hose hagenewe guturwa mu mijyi hagomba gushyirwa nibura ibi bikurikira:	Every site proposed for urban settlement must be serviced with at least the following:	Chaque site proposé pour l'habitat urbain doit avoir au moins les services suivants:
1° amazi meza, uburyo bw'isukura n'imicungire y'amazi y'imvura;	1° clean water, sanitation and rainwater management;	1° l'approvisionnement en eau potable, assainissement et gestion des eaux pluviales;

- | | | |
|---|--|---|
| 2° gukwirakwiza ibitanga ingufu; | 2° energy source supply; | 2° l’approvisionnement en énergie; |
| 3° uburyo bw’imicungire y’imyanda ikomeye cyangwa itemba; | 3° liquid or solid waste management; | 3° la gestion des déchets solides ou liquides; |
| 4° ibikorwa remezo bifasha mu bwikorezi; | 4° access and transport infrastructure; | 4° l’accès et infrastructures de transport; |
| 5° ikoranabuhanga mu itumanaho. | 5° information and communication technology. | 5° la technologie d’information et communication. |

Ingingo ya 10: Kubungabunga amazi

Ikizenga cy’ amazi n’imiyoboro yo gukwirakwiza amazi bigomba kurindwa igikorwa icyo ari cyo cyose cyerekeranye no gutunganya imijyi cyangwa n’ubwubatsi gishobora guhumanya amazi n’amasoko y’amazi.

Ubuziranenge bw’amazi mu miyoboro yayo igenzurwa n’urwego rubifitiye ububasha.

Amabwiriza agenga imitunganyirize y’imijyi ateganya ibikurikizwa mu rwego rwo kurinda ubuziranenge bw’amazi.

Ingingo ya 11: Imicungire y’amazi y’imvura no kurwanya isuri

Amabwiriza agenga imitunganyirize y’imijyi

Article 10: Water protection

A water body and water supply networks must be protected from any urban planning or building activity which may have a polluting effect on the quality of water and water catchment areas.

The quality of water in the supply network is monitored by the competent authority.

Urban Planning regulations provide criteria for preservation of the quality of water.

Article 11: Storm water management and control of soil erosion

The urban planning regulations provide for

Article 10: Protection de l’eau

Les plans d’eau et des réseaux d’approvisionnement en eau doivent être protégés de toute activité d’urbanisation ou de construction, qui aurait un effet polluant sur la qualité de l’eau y compris les zones de captage d’eau.

La qualité de l’eau dans les réseaux d’approvisionnement en eau est contrôlée par l’autorité compétente.

Le Code de l’urbanisme fournit les critères de préservation de la qualité d’eau.

Article 11: Gestion des eaux pluviales et lutte contre l’érosion

Le code de l’urbanisme fournit des directives

ateganya uburyo bw'imicungire y'amazi y'invura n'ingamba zo kurwanya isuri.

storm-water management and soil erosion control measures.

sur la mesure de gestion des eaux pluviales et des mesures de lutte contre l'érosion.

Ingingo ya 12: Imicungire y'imyanda itemba

Article 12: Liquid waste management

Article 12: Gestion des déchets liquides

Imyanda itemba igomba gutunganywa kandi ntishobora gushyirwa mu kimoteri hakurikijwe imirongo ngenderwaho y'amabwiriza agenga imitunganyirize y'imijyi.

Liquid waste must be treated and cannot be disposed in landfills in accordance with guidelines of the Urban Planning regulations.

Les déchets liquides doivent être traités et ne doivent pas être éliminés dans des décharges en conformité avec les directives du code de l'urbanisme.

Ingingo ya 13: Imicungire y'imyanda irunze

Article 13: Solid waste management

Article 13: Gestion des déchets solides

Akarere gashyiraho ingamba zo gutunganya imyanda ikomeye n'uburyo bugabanya imyanda ijyanwa mu kimoteri hifashishijwe uburyo bwo kwirinda, gutandukanya imyanda, kuyibazamo ibindi byagira akamaro no kongera gukoreshwa.

The District puts in place mechanisms for solid waste management and reduction of disposals in landfills based on waste avoidance, separation, recycling and reuse.

Le District met en place des mécanismes pour la gestion des déchets solides et la réduction de déversement dans des décharges basées sur la prévention, la séparation, le recyclage et la réutilisation des déchets.

Ingingo ya 14: Igenamigambi ry'urujya n'uruza n'ubwikorezi

Article 14: Traffic and transport planning

Article 14: Planification de la circulation et du transport

Igenamigambi ry'urujya n'uruza n'ubwikorezi rigomba kuba rigamije:

Traffic and transport planning must aim at:

La planification en rapport avec le transport et circulation doit viser les objectifs suivants:

1° guhuza ibikorwa remezo by'ubwikorezi n'igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka bwo mu mijyi;

1° integration of transport infrastructure with urban land use planning;

1° l'intégration des infrastructures de transport avec une bonne gestion des terres urbaines;

2° guhuza imihanda yo mu mijyi hagamijwe ko umujyi uba nyabagendwa;

2° integrate transport network for urban access;

2° le réseau de transport intégré pour l'accès urbain;

3° ishyirwaho ry'ibikorwa remezo na serivisi by'ubwikorezi;	3° provision of public transport services and facilities;	3° la mise à disposition des services et installations de transport public;
4° gushyiraho ahantu ibinyabiziga bihagarara n'ahantu hahagije hatangirwa serivisi zitandukanye;	4° provision of parking and service delivery space;	4° la mise en place d'un espace de parking et de service de livraison;
5° korohereza no guteza imbere kugenda n'amaguru no kugenda ku magare;	5° facilitation and increase of pedestrian and cyclists movement;	5° faciliter et augmenter la circulation des piétons et cyclistes;
6° kutabangamira ibidukikije.	6° environmental compliance.	6° la conformité avec l'environnement.

UMUTWE WA IV: AMAHAME Y'IMYUBAKIRE

CHAPTER IV: BUILDING PRINCIPLES

CHAPITRE IV: PRINCIPES DE CONSTRUCTION

Ingingo ya 15: Amabwiriza y' imyubakire

Article 15: Building code

Article 15: Code de construction

Amabwiriza agenga imyubakire ari ku mugereka wa II w'iri teka ashiraho ibisabwa by'ibanze mu:

The code of building regulations in Annex II to this Order establishes the minimum requirements to:

Le règlement du code de construction à l'annexe II du présent arrêté établit les exigences minimales en vue de:

1° kubungabunga ubuzima rusange bw'abaturage;	1° safeguard the public health;	1° protéger la santé publique;
2° gushimangira umudendezo n'imibereho myiza y'abaturage hashyirwaho uburyo bugena bukananzura ibishushanyo by'inyubako;	2° ensure safety and general welfare of the population by regulating and controlling building designs;	2° assurer la sécurité et le bien-être social de la population par la régulation et le contrôle de la conception des bâtiments;
3° kugenzura ubuziranenge bw'ibikoresho byubakishwa;	3° ensure quality of building materials;	3° assurer la qualité des matériaux de construction;

4° kunoza isuku mu ngo;	4° ensure sanitation in dwelling areas;	4° assurer l'assainissement dans les zones d'habitation;
5° gushyiraho uburyo bwo kumurika no kubona umwuka bukwiye;	5° ensure appropriate lighting and ventilation;	5° assurer un éclairage et une ventilation appropriée;
6° gufata neza ingufu no kwirinda inkongi z'umuriro;	6° conserve energy and avoid fire risks;	6° conserver l'énergie et éviter les risques d'incendie;
7° kwirinda ibiza bishingiye ku miterere y'ahantu ku nyubako n'ibikorwa mu Rwanda.	7° avoid hazards relating to the nature of the place on buildings and structures in Rwanda.	7° éviter les autres risques liés à la nature du lieu sur les bâtiments et les structures au Rwanda.

Ingingo ya 16: Ibisabwa by'ibanze mu myubakire

Amahame y'ibanze y'imyubakire akurikira agomba kubahirizwa mu gushushanya, gutegura umushinga w'inyubako no kuyubaka nk'uko biteganywa mu mabwiriza agenga imyubakire:

- 1° imitere ihamye, gukomera n'uburambe;
- 2° ibisabwa mu mikoreshereze;
- 3° umutekano no guhangana n'ibiza;
- 4° kubahiriza amahame yo kurengera ibidukikije;

Article 16: Minimum construction requirements

The following minimum construction principles must be respected in the design, engineering and construction for a building as detailed in the building Code:

- 1° structural stability, strength and durability;
- 2° functional requirements;
- 3° safety and disaster risk mitigation;
- 4° respect of environmental protection principles;

Article 16: Exigences minimales de construction

Les principes de construction suivants doivent être assurés dans la conception, l'ingénierie et la construction d'un bâtiment tel que détaillée dans le code de construction:

- 1° la stabilité structurelle, résistance et durabilité;
- 2° les exigences de fonctionnalité;
- 3° la sécurité et atténuation des catastrophes;
- 4° respecter les principes de protection de l'environnement ;

5° kuba nyabagendwa;	5° accessibility;	5° l'accessibilité;
6° imikoreshereze myiza y'umutungo kamere;	6° efficient use of natural resources;	6° l'utilisation efficace des ressources naturelles ;
7° gukoresha neza ingufu z'amashanyarazi n'ingufu karemano;	7° efficient use of electrical energy and natural energies;	7° l'utilisation efficace de l'énergie électrique et des énergies naturelles;
8° uburyo bunoze bwo gufata neza amazi y'imvura n'atembera;	8° rain and running water preservation;	8° la préservation de l'eau de pluie et des surfaces;
9° urumuri n'ubuhehere karemano;	9° natural lighting and ventilation;	9° l'éclairage et ventilation naturels;
10° isuku n'isukura;	10° hygiene and sanitation;	10° l'hygiène et assainissement;
11° gushimangira uburambe binyuze mu kwitabwaho.	11° ensuring durability through maintenance.	11° assurer la durabilité par l'entretien.

Ingingo ya 17: Ibikoresho by'ubwubatsi

Ikoreshwa ry'ibikoresho by'ubwubatsi bikomoka imbere mu gihugu, bitabangamira ibidukikije kandi bikenera ingufu nkeya mu kubikora ndetse no mu kubigeza aho bikenewe rigomba kwibandwaho hakurikijwe ibikubiye mu mabwiriza y'imyubakire.

Article 17: Building materials

The use of locally produced building materials that do not compromise the natural ecosystem and which use the least energy for their production and transport must be emphasized in accordance with the building code.

Article 17: Matériaux de construction

L'utilisation de matériaux de construction fabriqués localement qui ne compromettent pas l'écosystème naturel, et qui utilisent le moins d'énergie possible pour leur production et transport doit être promue conformément au code de construction.

**UMUTWE WA V: AMAHAME
Y'IKURIKIRANA, IGENZURA
N'UBUGENZUZI BY'IBIKORWA
BY'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJIYI
N'IMYUBAKIRE**

**CHAPTER V: PRINCIPLES OF
SUPERVISION, INSPECTION AND AUDIT
OF URBAN PLANNING AND BUILDING
ACTIVITIES**

**CHAPITRE V: PRINCIPES DE
SUPERVISION, INSPECTION ET AUDIT
DES ACTIVITÉS D'URBANISME ET DE
LA CONSTRUCTION**

**Iciviro cya mbere: Ikurikirana mu rwego
tekiniiki**

Section One: Technical supervision

Section première: Supervision technique

**Ingingo ya 18: Ikurikirana ry'imirimo
y'ubwubatsi mu rwego rwa tekiniiki**

**Article 18: Technical supervision of buiding
activities**

**Article 18: Supervision technique des
activités de construction**

Abakurikirana imirimo mu rwego rwa tekiniiki bemewe bita ku buziranenge bw'imirimo y'ubwubatsi hakurikijwe ibiteganywa n'amabwiriza y'imyubakire.

Authorised technical supervisors ensure the quality in building activities in accordance with the provisions of the building code.

Les superviseurs techniques agréés assurent la qualité des activités de construction conformément aux dispositions du code de construction.

Ingingo ya 19: Serivisi zo gukurikirana imirimo mu rwego rwa tekiniiki hashingiwe ku masezerano

Article 19: Contracted technical supervision services

Article 19: Services de supervision technique sur base d'un contrat

Amasezerano yo gukurikirana imirimo y'ubwubatsi mu rwego rwa tekiniiki ateganywa nibura ibi bikurikira:

Technical building supervision contracts provide for at least the following:

Les contrats de supervision technique d'une construction prévoient au moins ce qui suit:

1° gucunga umushinga hakurikijwe ibisabwa n'ubuyobozi, n'amategeko na tekiniiki mu myubakire;

1° to manage the project in accordance with administrative, legal and technical construction requirements;

1° gérer le projet conformément aux exigences administratives, légales et techniques de la construction;

2° gusuzuma no kwemeza ibishushanyo by'inyubako mbere yo kubishyira mu bikorwa;

2° to verify and certify building designs before their implementation;

2° vérifier et certifier des plans de construction avant de leur mise en œuvre;

3° gucunga umushinga hakurikijwe ibishushanyo byemejwe;	3° to manage the project in accordance with approved designs;	3° gérer le projet conformément aux plans approuvés;
4° kwemeza impinduka z'ibishushanyo no gukurikirana ibisabwa byose kugira ngo hatangwe impushya z'izo mpinduka iyo bikenewe;	4° to approve designs modifications and to make a follow up of all requirements for insuance of permits of such modifications if needed;	4° approuver les modifications des plans et faire le suivi de toutes les exigences pour l'émission des autorisations de ces modifications en cas de besoin;
5° gusuzuma ibikoresho, uburyo bukoreshwa n'ibishyirwa ahagenewe kubakwa hubahirizwa ibipimo ngenderwaho;	5° to test materials, systems and installations for compliance with standards;	5° tester les matériaux, systèmes et installations pour la conformité aux normes;
6° gutanga inama ku mategeko ya tekini n'imyubakire;	6° to provide advise on technical and construction laws;	6° fournir des conseils sur la réglementation technique et de construction;
7° kubika inyandiko, raporo n'inyandiko zishyinyuye z'umushinga;	7° to keep documents, report and archives of the project;	7° garder les documents, rapports et archives du projet;
8° kwemeza ibishushanyo by'inyubako nk'uko byatanzwe n'abubaka;	8° approve building drawings as provided by constructors;	8° approuver des dessins de construction tels que fournis par les constructeurs;
9° kwita ku mutekano w'abantu n'ahakorera imirimo yo kubaka mu gihe cy'ubwubatsi no kubahiriza ibisabwa mu mutekano w'imyubakire.	9° to ensure public and on-site safety during construction and enforce building safety requirements.	9° assurer la sécurité publique et sur le chantier pendant la construction et renforcer les exigences de sécurité de la construction.

Ingingo ya 20: Uburyozwe bw'ibiro bikurikirana imirimo mu bikorwa by'ubwubatsi

Ibiro bikurikirana imirimo y'ubwubatsi biryozwa ukutubahirizwa kw'ibisabwa kose mu gihe na nyuma y'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga.

Ingingo ya 21: Ibishingirwaho mu gutanga uruhushya ku biro bikurikirana imirimo mu bikorwa y'ubwubatsi

Ibiro bikurikirana mu rwego rwa tekini bigomba kuba byujuje ibigenderwaho bikurikira kugira ngo byemererwe guhagararira imirimo y'ubwubatsi:

- 1° kuba ari ikigo cy'ubujyanama cyanditse;
- 2° kugaragaza gihamya ko gikoresha laboratwari y'isuzuma yemewe;
- 3° kuba ari ikigo gikoresha abanyamwuga bafite ubushobozi kandi bemewe mu bijyanye n'ibyo umushinga uteganya gukora;
- 4° kugira aho kibarizwa hazwi;
- 5° kuba cyemewe n'urugaga rw'abanyamwuga kibarizwamo.

Article 20: Liability of supervising offices in buiding activities

A building supervising office is liable for any noncompliance during and after project implementation.

Article 21: Conditions for issuance of authorisation to supervising offices in building activities

A technical supervising office must fulfill the following conditions for authorisation to supervise building activities:

- 1° to be a registered consulting firm;
- 2° to provide evidence of use of an accredited testing laboratory;
- 3° to be a firm that employs qualified and certified professionals in the specific fields relevant to the respective project;
- 4° to have known physical address;
- 5° to be certified by its respective professional bodies.

Article 20: Responsabilité des bureaux de surveillance dans les activités de construction

Un bureau de surveillance de la construction est responsable de toute non-conformité pendant et après la mise en œuvre du projet.

Article 21: Conditions d'octroi de l'autorisation aux bureaux de surveillance technique dans les activités de construction

Un bureau de surveillance technique doit remplir les conditions suivantes pour obtenir l'autorisation de superviser les activités de construction:

- 1° être un bureau de consultance enregistré;
- 2° montrer des preuves d'utilisation d'un laboratoire d'essais certifié;
- 3° être une entreprise qui emploie des professionnels qualifiés et certifiés dans les domaines spécifiques relatifs au projet respectif;
- 4° avoir une adresse physique connue;
- 5° être certifiés par son organe professionnel respectif.

Icyiciro cya 2: Igenzura

Ingingo va 22: Igenzura ry'imirimu y'ubwubatsi

Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali bashinzwe igenzurwa ry'imirimu y'ubwubatsi.

Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali, binyujijwe mu masezerano, bashobora guha ukora igenzura ry'imirimu y'ubwubatsi wigenga agakora igenzura ry'imirimu y'ubwubatsi.

Igenzura ry'imirimu y'ubwubatsi ryita kuri ibi bikurikira:

- 1° kurengera ubuzima rusange, umutekano, n'imibereho myiza muri rusange;
- 2° kurengera ibidukikije;
- 3° amakosa ajyanye n'imyubakire ateganywa n'iri teka;
- 4° gusuzuma ko imyubakire ikurikije inyandiko z'imitunganyirize y'imijyi n'ibishushanyo by'inyubako byemejwe mu gihe cyagenwe;
- 5° iyubahirizwa ry'amabwiriza y'imitunganyirize y'imijyi n'amabwiriza y'imyubakire;

Section 2: Inspection

Article 22: Building activities inspection

A District or the City of Kigali is responsible for inspection of building activities.

A District or the City of Kigali may, through a contract, authorise a private building inspector to carry out inspection of building activities.

The inspection of building activities considers the following:

- 1° respect of public health, safety and general welfare;
- 2° environmental protection;
- 3° building related faults provided for in this Order;
- 4° verification of compliance of construction with the urban planning documents and the authorised building plans within the required time frame;
- 5° compliance with the urban planning code and building code;

Section 2: Inspection

Article 22: Inspection des activités de construction

Un District ou la Ville de Kigali est responsable de l'inspection des activités de construction.

Un District ou la Ville de Kigali peut, par le biais d'un contrat, autoriser un inspecteur privé d'effectuer l'inspection des activités de construction.

L'inspection des activités de construction considère ce qui suit:

- 1° le respect de la santé publique, la sécurité et le bien-être général;
- 2° la protection de l'environnement;
- 3° les défauts de constructions prévues dans le présent arrêté;
- 4° vérifier la conformité de construction avec les documents d'urbanisme et les plans de constructions autorisés endéans le délai requis;
- 5° la conformité au code d'urbanisme et au code de construction;

<p>6° iyubahirizwa ry'ibisabwa mu ikurikirana ry'imirimu ku rwego rwa tekiniiki.</p>	<p>6° compliance with technical supervision requirements.</p>	<p>6° la conformité aux exigences de la supervision technique.</p>
<p>Amabwiriza agenga imyubakire ateganya ibisabwa ukora igenzura ry'ubwubatsi.</p>	<p>The building code provides for the requirements of a building inspector.</p>	<p>Le code d'urbanisme prévoit les exigences pour un inspecteur de construction.</p>
<p><u>Ingingo ya 23: Uko igenzura ry'imirimu y'ubwubatsi rikorwa</u></p>	<p><u>Article 23: Procedures for inspection of building activities</u></p>	<p><u>Article 23: Procédures d'inspection des activités de construction</u></p>
<p>Ibi bikurikira birubahirizwa mu gihe cyo kugenzura imirimu y'ubwubatsi:</p>	<p>The following procedures are respected while conducting inspection of building activities:</p>	<p>Les procédures suivantes sont respectées lors de l'inspection des activités de construction:</p>
<p>1° ukora igenzura akora igenzura ry'inyubako mu gihe iri kubakwa n'igihe icyo ari cyo cyose nyuma yo kubakwa;</p>	<p>1° an inspector inspects a building under construction and at any time after construction;</p>	<p>1° l'inspecteur inspecte un bâtiment en construction et à n'importe quel moment après la construction;</p>
<p>2° ukora igenzura amenyesha ufite uruhushya rwo kubaka amakosa y'ubwubatsi yagaragajwe;</p>	<p>2° the inspector issues a notice to the permittee stating the identified construction defects;</p>	<p>2° l'inspecteur émet au titulaire de permis une notification indiquant les défauts de construction identifiés;</p>
<p>3° igihe amakosa y'imyubakire yoroshye gukosorwa, ufite uruhushya rwo kubaka agomba kuyakosora bitarenze iminsi itatu (3) y'akazi nyuma yo kubimenyeshwa mu nyandiko;</p>	<p>3° in case of reversible minor construction defects, the permittee must rectify them within three (3) working days after being served with a written rectification notice;</p>	<p>3° en cas de défauts de construction mineurs réversibles, le titulaire du permis doit les corriger endéans trois (3) jours ouvrables après avoir obtenu une notification écrite de rectification;</p>
<p>4° igihe amakosa y'imyubakire akomeye, umugenzuzi amenyesha ufite uruhushya rwo kubaka ko agomba guhita ahagarika imirimu y'ubwubatsi, byitwa "kumenyeshwa guhagarika";</p>	<p>4° in case of major construction defects, an inspector issues a notice informing the permittee a stop building activities, called "Stop notice";</p>	<p>4° en cas de déficits majeurs de construction, l'inspecteur émet une notification exigeant l'arrêt de toutes les activités de construction, appelée "notification d'arrêt";</p>

5° ukora igenzura watanze imenyeshwa, aha raporo Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali ko yatanze imenyeshwa ku munsu w'akazi ryatangiweho.

5° an inspector who serves any notice, reports to the District or City of Kigali about the serving of such notice on the same working day.

5° un inspecteur qui a donné une notification, transmet le rapport le même jour ouvrable au District ou à la Ville de Kigali sur la notification donnée.

Ingingo ya 24: Inshingano z'ufite uruhushya mu gihe cy'igenzura ry'imirimo y'ubwubatsi

Article 24: Obligations of a permittee during building activities inspection

Article 24: Obligations du titulaire d'un permis pendant l'inspection des activités de construction

Inshingano z'ufite uruhushya rwo kubaka mu gihe cy'igenzura ry'imirimo y'ubwubatsi ni:

Obligations of a permittee during inspection of building activities are:

Les obligations d'un titulaire de permis pendant l'inspection des activités de construction sont:

1° kwemera igenzura igihe cyose we ubwe cyangwa umuhagarariye wemewe bari ahakorera imirimo y'ubwubatsi;

1° to accept inspection at any time when he or she or an authorised representative is on site;

1° accepter l'inspection à tout moment lorsque lui-même ou son représentant autorisé est présent sur le chantier;

2° kubahiriza imenyeshya ryo gukosora amakosa y'imyubakire cyangwa "kumenyeshya guhagarika" imirimo y'ubwubatsi akimara kwakira imenyeshya.

2° to comply with the notice of rectification of construction defects or the "stop notice" of building activities immediately after receiving it;

2° se conformer à la notification de rectification des défauts de construction ou de "notification d'arrêt" des activités de construction dès leur réception;

3° gutanga raporo z'isuzuma rya laboratwari;

3° to provide laboratory test reports;

3° fournir les rapports de test de laboratoire;

4° kwishyura ikiguzi cyose gishamikiye ku bisabwa na raporo z'igenzura ry'imirimo y'ubwubatsi.

4° to pay all the costs due to building activities inspection reports requirements.

4° payer tous les coûts liés aux exigences des rapports d'inspection des activités de construction.

Ingingo ya 25: Isuzuma ry'imiterere y'inyubako

Amabwiriza y'imyubakire ashiraho ibishingirwaho mu gusaba ufite uruhushya gukora isuzuma ry'imiterere y'inyubako.

Ingingo ya 26: Ikurikirana ry'abashinzwe igenzura n'igenzura

Urwego rw'Igihugu rufite imitunganyirize y'imijyi n'imiturire mu nshingano zarwo rushinzwe:

1° guha ubumenyi abakora igenzura ry'imyubakire;

2° gukurikirana imikorere y'abakora igenzura hagamijwe iyubahirizwa ry'ibiteganywa n'igenzura rusange.

Iciviro cya 3: Ubugenzuzi

Ingingo ya 27: Ubugenzuzi bw'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire

Urwego rw'Igihugu rufite imitunganyirize y'imijyi n'imiturire mu nshingano zarwo rufite inshingano zo gukora ubugenzuzi bw'inzego z'ubuyobozi bw'ibanze ku iyubahirizwa ry'inyandiko z'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire n'ishyirwa mu bikorwa ryazo,

Article 25: Structural assessment of a building

The building code provides for the basis of requesting a permittee to conduct a building structural assessment of the building.

Article 26 Monitoring of building inspectors and inspection

The national organ in charge of urban planning and human settlement is responsible for:

1° giving technical training to building inspectors;

2° monitoring inspectors to ensure fulfillment of the requirements of public inspection.

Section 3: Auditing

Article 27: Auditing of urban planning and building

The national organ in charge of urban planning and human settlement is responsible for auditing of the local authorities on the compliance with urban planning and building documents and their implementation, in consideration of the following:

Article 25: Évaluation structurelle d'un bâtiment

Le code de construction détermine les directives pour exiger au titulaire du permis d'effectuer une évaluation structurelle d'un bâtiment.

Article 26: Surveillance des inspecteurs et inspection

L'organe national ayant l'urbanisme et l'habitat dans ses attributions a la charge de:

1° donner la formation technique aux inspecteurs;

2° surveiller les inspecteurs pour garantir le respect des prescriptions de l'inspection publique.

Section 3: Audit

Article 27: Audit d'urbanisme et de construction

L'organe national ayant l'urbanisme et l'habitat dans ses attributions est chargé de l'audit des autorités locales quant à la conformité aux documents d'urbanisme et de construction et à leur mise en application, en tenant compte de ce qui suit:

hitawe kuri ibi bikurikira:

- | | | |
|---|--|---|
| 1° iyubahirizwa ry'ibisabwa mu mitunganyirize y'imijyi; | 1° compliance with requirements of the urban planning process; | 1° la conformité aux exigences du processus d'urbanisme; |
| 2° impushya zo kubaka zikurikije inyandiko z'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire; | 2° compliance with building permits with the adopted urban planning and building documents; | 2° la conformité des autorisation de bâtir aux documents d'urbanisme et de construction; |
| 3° imishinga y'ibikorwa remezo ikurikije inyandiko z'imitunganyirize y'imijyi n'imiturire; | 3° compliance of public infrastructure projects with the adopted urban planning and building documents; | 3° la conformité des projets d'infrastructure publique aux documents d'urbanisme et de construction; |
| 4° ibikorwa byo gutanga impushya zo kubaka cyangwa izo gutunganyiriza abantu ubutaka no kububakira byubahiriza ibiteganywa n'amategeko; | 4° compliance of authorisation processes to build or carry real estate development with relevant legal requirements; | 4° la conformité des procédures d'autorisation de construire ou de réaliser des promotions immobilières aux dispositions légales applicables; |
| 5° ibikorwa byo gutunganya imijyi byubahiriza ibisabwa n'amategeko agenga imitunganyirize y'imijyi; | 5° compliance of urban planning operations with relevant legal requirements; | 5° la conformité des opérations d'urbanisme aux dispositions légales applicables; |
| 6° ishyirwa mu bikorwa ry'ibishushanyo by'imitunganyirize y'imijyi n'imiturire nk'uko byemejwe; | 6° implementation of adopted urban development plans and human settlement; | 6° la mise en œuvre des plans de développement d'urbanisme et de l'habitat adoptés; |
| 7° ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ishoramari rusange mu byiciro nk'uko byemejwe; | 7° implementation of approved phasing and public investment plans; | 7° la mise en œuvre des phases approuvés et plans d'investissement publics; |
| 8° ishyirwa mu bikorwa ry'imikoreshereze ikomotanyije y'ubutaka bw'ahantu h'umujiy hagenewe gutura; | 8° implementation of mixed use developments in urban residential zones; | 8° la mise en œuvre des aménagements polyvalents en zones résidentielles ; |
| 9° ibikorwa by'igenzura ry'inyubako na raporo zabyo. | 9° inspection process and reports. | 9° procédure et rapports d'inspections. |

Urwego rw'Igihugu rufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano zarwo rufite ububasha bwo guhagarika no guhana ibikorwa byose by'ubwubatsi bidakurikije amategeko mu gihe Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali batabikoze.

Ingingo ya 28: Uburyo bw'ubugenzuzi n'uko bukorwa

Urwego rw'Igihugu rufite imitunganyirize y'imijyi n'imiturire mu nshingano zarwo rushyiraho uburyo ubugenzuzi bukorwa, rugakora ubugenzuzi kandi rukanatangaza raporo buri mwaka.

Raporo zatangajwe zishyikirizwa inzego bireba kugira ngo zishyire mu bikorwa imyanzuro.

Icyiciro cya 4: Iyubahirizwa ry'iby'ibanze ku myubakire itangiza ibidukikije

Ingingo ya 29: Uburyo bw'iyubahirizwa ry'iby'ibanze ku myubakire itangiza ibidukikije

Hashyizweho amabwiriza agenga uburyo bw'iyubahirizwa ry'iby'ibanze ku myubakire itangiza ibidukikije, ari ku mugereka wa III w'iri teka.

The government authority in charge of urban planning and human settlement has the power to stop and sanction all illegal construction activities when the Districts and City of Kigali fail to do this.

Article 28: Auditing modes and implementation

The national organ in charge of urban planning and human settlement establishes the modes of auditing, conduct audit and publish reports, on an annual basis.

The reports published are circulated to relevant authorities to implement recommendations.

Section 4: Green building minimum compliance

Article 29: Green building minimum compliance system

There is established a green building minimum compliance system, in annex III of this Order.

L'organe public ayant l'urbanisme et l'habitat dans ses attributions a le pouvoir d'arrêter et sanctionner toutes les activités illégales de construction en cas d'inaction du District et la Ville de Kigali.

Article 28: Modes et mise en oeuvre d'audit

L'organe public en charge de l'urbanisme et de l'habitat établit les modes d'audit, conduit l'audit et publie les rapports annuels y relatifs.

Les rapports publiés doivent être envoyés aux institutions concernées afin de mettre en œuvre les recommandations.

Section 4 : Conformité minimale à la construction écologique

Article 29: Système de conformité minimale à la construction écologique

Il est établi un système de conformité minimale à la construction écologique, à l'annexe III du présent arrêté.

Ingingo ya 30: Amahame ngenderwaho mu kubaka inyubako zitangiza ibidukikije

Iyubahirizwa ry'iby'ibanze ku myubakire itangiza ibidukikije rireba inyubako zose zo mu cyiciro cya 3 n'icya 4.

Uburyo bwo kugena ibipimo ku myubakire itangiza ibidukikije bukorwa ku bushake ku byiciro byose by'inyubako.

Umuntu wese ushaka kubaka inyubako iri mu cyiciro cya 4 cyangwa icya 5 agomba kuzuzwa amahame y'imyubakire itangiza ibidukikije akurikira:

- 1° gukoresha neza ingufu;
- 2° gukoresha neza amazi;
- 3° kurengera ibidukikije;
- 4° gutunganya neza imitere y'imbere mu nyubako;
- 5° gukoresha neza ibikoresho by'ubwubatsi;
- 6° gukoresha neza umutungo;
- 7° gukoresha neza ubutaka;
- 8° guhanga udushya hagamijwe kubungabunga ibidukikije.

Article 30: Principles of building green buildings

Green building minimum compliance is applicable to all building structures of categories 3 and 4.

Green building rating system is voluntary for all categories of buildings.

Any person who intends to build a building of category 4 or 5 must abide by the following green building principles:

- 1° efficient use of energy;
- 2° efficient use of water;
- 3° environmental protection;
- 4° indoor quality enhancement;
- 5° efficient use of construction materials;
- 6° efficient use of resources;
- 7° efficient use of land;
- 8° innovation with the aim of protecting the environment.

Article 30: Principe de construction des bâtiments écologiques

La conformité minimale à la construction écologique s'applique à toutes les structures des bâtiments de catégories 3 et 4.

Le système de notation de construction écologique est facultatif pour toutes les catégories de bâtiments.

Toute personne qui veut construire un bâtiment classé dans la catégorie 4 ou 5 doit respecter les principes de construction écologique suivants:

- 1° utilisation efficace de l'énergie;
- 2° utilisation efficace de l'eau;
- 3° protection de l'environnement;
- 4° amélioration de la qualité intérieure du bâtiment;
- 5° usage rationnel des matériaux de construction;
- 6° utilisation efficiente des ressources;
- 7° utilisation efficace de la terre;
- 8° innovation en vue de la protection de l'environnement.

Ingingo ya 31: Iyubahirizwa ry'amahame ngenderwaho mu kubaka inyubako zitangiza ibidukikije mu byiciro byo kubaka

Uwubaka wese agomba kubahiriza amahame ngenderwaho mu kubaka inyubako zitangiza ibidukikije mu byiciro bikurikira:

- 1° guhangwa;
- 2° kubakwa;
- 3° gukoreshwa;
- 4° kwitabwaho;
- 5° gusenywa.

Ingingo ya 32: Inzego za Leta zishinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'uburyo bw'iyubahirizwa ry'iby'ibanze ku myubakire itangiza ibidukikije

Inzego za Leta zishinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'uburyo bw'iyubahirizwa ry'iby'ibanze ku myubakire itangiza ibidukikije ni izi zikurikira:

- 1° urwego rw'Igihugu rufite imyubakire mu nshingano zarwo;
- 2° urwego rw'Igihugu rufite ibidukikije mu nshingano zarwo;

Article 31: Application of green building principles throughout building phases

Any builder must ensure that green building principles are applied throughout the following phases:

- 1° design development;
- 2° construction;
- 3° operation;
- 4° maintenance;
- 5° demolition.

Article 32: Public organs in charge of implementation of green building minimum compliance system

Public entities responsible for implementation of green building minimum compliance system are:

- 1° national organ in charge of housing;
- 2° national organ in charge of environment;

Article 31: Application des principes de construction des bâtiments écologiques dans les phases de construction

Tout constructeur doit s'assurer que les principes de construction des bâtiments écologiques sont appliqués dans les phases suivantes:

- 1° la conception;
- 2° la construction;
- 3° l'opérationnalisation;
- 4° la maintenance;
- 5° la démolition.

Article 32: Organes publics en charge de la mise en oeuvre du système conformité minimale à la construction écologique

Les établissements publics chargés d'assurer la mise en oeuvre du système conformité minimale à la construction écologique sont:

- 1° l'organe national ayant l'habitat dans ses attributions;
- 2° l'organe national ayant l'environnement dans ses attributions;

3° urwego rw'Igihugu rufite ubuziranenge mu nshingano zarwo;

4° Umujyi wa Kigali n'Uturere.

3° national organ in charge of standards;

4° the City of Kigali and Districts.

3° l'organe national ayant la normalisation dans ses attributions;

4° la Ville de Kigali et les Districts.

Ingingo ya 33: Inshingano z'urwego rw'Igihugu rufite imyubakire mu nshingano zarwo

Article 33: Responsibilities of the national organ in charge of housing

Article 33: Responsabilités de l'organe national ayant l'habitat dans ses attributions

Urwego rw'Igihugu rufite imyubakire mu nshingano zarwo rushinzwe ibi bikurikira:

The national organ in charge of housing is responsible for the following:

L'organe national ayant l'habitat dans ses attributions est chargé de:

1° gukurikirana niba Umujyi wa Kigali n'Uturere byubahiriza ibikubiye muri iri teka;

2° guhugura abakozi b'Umujyi wa Kigali n'ab'Uturere bashinzwe isesengura ry'imishinga isabirwa impushya zo kubaka n'igenzura ry'inyubako;

3° gutanga amakuru n'imenyekanisha ku myubakire itangiza ibidukikije;

4° gukorera ubuvugizi imyubakire itangiza ibidukikije;

5° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'uburyo bw'imyubakire itangiza ibidukikije mu gihugu, ku rwego rw'akarere no ku rwego mpuzamahanga.

1° monitor the City of Kigali and Districts compliance with the provisions of this Order;

2° to train the City of Kigali and Districts' staff in charge of the assessment of building permit application and inspection of buildings;

3° to share information and communication on green building;

4° advocate for green building;

5° ensure implementation of green building systems at local, regional and international level.

1° faire le suivi du respect des dispositions du présent arrêté par la Ville de Kigali et les Districts;

2° assurer la formation du personnel de la Ville de Kigali et des Districts chargé de l'évaluation des demandes de d'autorisation de bâtir et de l'inspection des bâtiments;

3° partager l'information et la communication sur la construction écologique;

4° plaider en faveur de la construction écologiques;

5° assurer la visibilité des systèmes de construction écologique aux niveaux local, régional et international.

Urwego rw'Igihugu rufite imyubakire mu nshingano zarwo rukorana n'inzego zo mu gihugu, izo mu karere n'izo ku rwego mpuzamahanga zishinzwe imyubakire itangiza ibidukikije kugira ngo hagerweho ibidukikije byubatswe ku buryo burambye mu Rwanda.

Ingingo ya 34: Inshingano z'urwego rw'Igihugu rufite ibidukikije mu nshingano zarwo

Urwego rw'Igihugu rufite ibidukikije mu nshingano zarwo rushinzwe gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa ry'ibipimo by'imyubakire itangiza ibidukikije bifite aho bihuriye n'ibidukikije.

Ingingo ya 35: Inshingano z'urwego rw'Igihugu rufite ubuziranenge mu nshingano zarwo

Urwego rw'Igihugu rufite ubuziranenge mu nshingano zarwo rushinzwe gutsura ubuziranenge, gukora igenzura, gupima no gutanga ibyemezo by'ubuziranenge by'ibikoresho by'ubwubatsi bw'imyubakire itangiza ibidukikije.

Ingingo ya 36: Inshingano z'Umujyi wa Kigali n'Uturere

Umujyi wa Kigali n'Uturere bishinzwe ibi

The national organ in charge of housing collaborates with local, regional and international organisations working in the field of green building to achieve sustainably built environment in Rwanda.

Article 34: Responsibilities of the national organ in charge of environment

The national organ in charge of environment is responsible for monitoring the implementation of environment related green building indicators.

Article 35: Responsibilities of the national organ in charge of standards

The national organ in charge of standards is responsible for quality assurance, inspection, testing and certification of green building materials.

Article 36: Responsibilities of the City of Kigali and Districts

The City of Kigali and the Districts are

L'organe national ayant l'habitat dans ses attributions collabore avec les organisations locales, régionales et internationales œuvrant dans le domaine de construction écologique pour aboutir à un environnement construit de manière durable au Rwanda.

Article 34: Responsabilités de l'organe national ayant l'environnement dans ses attributions

L'organe national ayant l'environnement dans ses attributions est chargé du suivi de la mise en œuvre des indicateurs de construction écologique liés à l'environnement.

Article 35: Responsabilité de l'organe national ayant la normalisation dans ses attributions

L'organe national ayant la normalisation dans ses attributions est responsable de l'assurance qualité, de l'inspection, des tests et de la certification des matériaux de construction écologiques.

Article 36: Responsabilités de la Ville de Kigali et des Districts

La Ville de Kigali et les Districts sont

bikurikira:

- 1° guha abaturage amakuru yerekeranye n'ibipimo by'iyubahirizwa ry'iby'ibanze ku myubakire itangiza ibidukikije;
- 2° isuzuma ry'amadosiye y'iyubahirizwa ry'ibisabwa by'ibanze ku myubakire itangiza ibidukikije,, mu guha amanota ibishushanyo by'inyubako, hagendewe ku bipimo by'imyubakire itangiza ibidukikije bigenwa n'iri teka;
- 3° igenzura ry'inyubako rigamije kureba iyubahirizwa ry'ibyatangawe impushya zo kubaka;
- 4° ibikwa n'ishyiruranyandiko rinoze ry'inyandiko zisaba impushya zo kubaka.

UMUTWE WA VI: AMAKOSA Y'IMYUBAKIRE N'IBIHANO BITANGWA N'UBUYOBOZI

Ingingo ya 37: Ibyiciro by'amakosa

Umuntu cyangwa ishyirahamwe rifite ubuzimagatozi ukoze ikosa ryo mu myubakire, ahanishwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi biteganyijwe ku mugereka wa IV w'iri teka, hakurikijwe ibyiciro by'inyubako zakoreweho

responsible for the following:

- 1° information sharing on green building minimum compliance indicators to the public;
- 2° assessment of the green building minimum compliance files through scoring of designs based on green building indicators provided in this Order;
- 3° inspection of buildings to ensure compliance with the approved building permit;
- 4° proper filing and archiving of applications for building permits.

CHAPTER VI: BUILDING FAULTS AND ADMINISTRATIVE SANCTIONS

Article 37: Categories of Faults

A physical person or legal entity that commits a building fault is punished with administrative sanctions provided for in Annex IV of this Order, depending on building categories on which such a fault is committed.

responsables de ce qui suit:

- 1° le partage de l'information avec sur les indicateurs de conformité minimale à la construction écologiques;
- 2° l'évaluation des dossiers de conformité minimale à la construction écologique par la notation des conceptions, en fonction des indicateurs de construction écologique prévus au présent arrêté;
- 3° l'inspection des bâtiments en vue d'assurer la conformité à l'autorisation de bâtir;
- 4° le bon classement et archivage des demandes d'autorisation de bâtir.

CHAPITRE VI: FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES

Article 37: Catégories de fautes

Toute personne physique ou morale qui commet une faute de construction est passible des sanctions administratives prévues à l'annexe IV du présent arrêté selon les catégories des bâtiments sur lesquels cette

amakosa.

Ibihano bitangwa n'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali uretse igihano cyo gusenya inyubako cyemezwa na Komite Nyobozi y'Akarere cyangwa iy'Umujyi wa Kigali.

Icyakora, urwego rw'Igihugu rufite imiturire n'imyubakire mu nshingano zarwo ruhana amakosa y'imyubakire, harimo no gutegeka ko inyubako isenywa, iyo Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali bitahanywe, nta mpamvu ifatika.

Ingingo ya 38: Igihano cyo gusenya inyubako

Ku makosa y'imyubakire ahanishwa gusenya ibyubatswe, nyuma ya raporo y'abashinzwe igenzura, icyemezo cyo gusenya inyubako gifatwa na Komite Nyobozi y'Akarere cyangwa y'Umujyi wa Kigali, ikanagena uburyo bikorwamo.

Komite Nyobozi y'Akarere cyangwa y'Umujyi wa Kigali ishobora guha Umurenge ububasha bwo gushyira mu bikorwa ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Sanctions are applied by the District or the City of Kigali, except for demolition sanction where the Executive Committee of the District or City of Kigali has to endorse.

However, the national organ in charge of housing can sanction building faults including decision for demolition of the building in case the District or City of Kigali fails to do so without justifiable reason.

Article 38: Sanction for demolition of a building

On the faults sanctioned by demolition of a building, inspectors' technical report, the decision to demolish any building is taken by the District or City of Kigali Executive Committee which also designates the demolition process.

The District or City of Kigali Executive Committee may delegate its powers to the Sector to implement the provisions of paragraph One of this Article.

faute est commise.

Les sanctions sont appliquées par le District ou la Ville de Kigali, sauf pour le cas de la sanction pour démolition qui doit être approuvée par le Comité Exécutif du District ou de la Ville de Kigali.

Toutefois, l'organe national ayant l'habitat dans ses attributions peut sanctionner les fautes de construction, y compris la décision de démolition, en cas de défaut par le District ou la Ville de Kigali de le faire, sans motif valable.

Article 38: Sanction de la démolition d'un bâtiment

En cas de fautes sanctionnées par la démolition et, suite au rapport technique des inspecteurs, la décision de démolir n'importe quel bâtiment est prise par le Comité Exécutif du District ou de la Ville de Kigali qui en détermine également le processus de démolition.

Le Comité Exécutif du District ou de la Ville de Kigali peut déléguer au Secteur le pouvoir de mettre en exécution les dispositions de l'alinéa premier du présent article.

Ingingo ya 39: Kwishyura ikiguzi cy'ibyakoreshejwe mu gusenya

Iyo nyir'inyubako asabwe gusenya ibyo yubatswe binyuranyije n'amategeko ntabikore, Akarere, Umujyi wa Kigali cyangwa urwego rw'Igihugu rufite imiturire mu nshingano zarwo ni byo bisenya iyo nyubako bigategeka nyir'inyubako kwishyura ikiguzi cy'ibyakoreshejwe mu gusenya.

Ibikoreshe by'ubwubatsi bivuye kuri iyo nyubako birafatirwa bigatezwa cyamunara cyangwa urwego rukabifashisha abatishoboye.

UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 40: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Iteka rya Minisitiri n° 04/Cab.M/015 ryo ku wa 18/05/2015 rishyiraho amabwiriza ajyanye n'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri teka kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Article 39: Payment of demolition charges

If the owner of the building is requested to demolish the building that was built in violation of rules and regulations and does not do it, demolition is done by the District, City of Kigali or the national organ in charge of housing and instructs the owner of the building to pay demolition charges.

All construction materials from the demolished building are confiscated and auctioned or they can be given to indigents.

CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS

Article 40: Repealing provisions

Ministerial Order n° 04/Cab.M/015 of 18/05/2015 determining urban planning and building regulations as amended to date and all prior legal provisions contrary to this Order are repealed.

Article 39: Paiement des frais de démolition

Lorsque le propriétaire du bâtiment est notifié de démolir le bâtiment construit en violation des règles et la réglementation et qu'il ne s'y conforme pas, la démolition est effectuée par le District, la Ville de Kigali ou l'organe national ayant l'habitat dans ses attributions et ordonne au propriétaire d'en supporter frais de démolition.

Les matériaux de construction du bâtiment démolé sont confisqués et vendus aux enchères ou peuvent être donnés aux indigents.

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES

Article 40: Disposition abrogatoire

L'Arrêté Ministériel n° 04/Cab.M/015 du 18/05/2015 déterminant les règlements d'urbanisme et de construction tel que modifié à ce jour et toutes les dispositions légales antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 41: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 15/04/2019

(sé)

GATETE Claver

Minisitiri w'Ibikorwa Remezo

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 41: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 15/04/2019

(sé)

GATETE Claver

Minister of Infrastructure

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice/Attorney General

Article 41: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 15/04/2019

(sé)

GATETE Claver

Ministre des Infrastructures

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux